REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
Office of the Director General
HUYE-RWANDA

Huye, ku wa 01/08/2020
Ref. N°01.11/0983/020/PK/HQ

# ITANGAZO RIMENYESHA GAHUNDA Y'IKIRUHUKO CY'UBUROBYI MU KIYAGA CYA KIVU

Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) kiramenyesha abantu bose muri rusange, abarobyi, abacuruzi, inzego z'ibanze n'iz'umutekano by'umwihariko, ko mu rwego rwo gucunga neza umusaruro w'amafi wo mu kiyaga cya Kivu, hateganyijwe gahunda y'ikiruhuko cy'uburobyi cy'amezi abiri (2) mu mwaka, hagamijwe guha amafi umwanya wo kongera kororoka, no kongera umusaruro.

Ni muri urwo rwego hateganyijwe ikiruhuko cy'uburobyi mu kiyaga cya Kivu, kuva **ku wa 2/8/2020 kugeza ku wa 2/10/2020.**

Ubuyozi bwa RAB buramenyesha ibi bikurikira:

- Uburobyi bw'isambaza burahagaritswe mu gihe cy'amezi abiri (2) cyavuzwe haruguru;
- Abarobyi bazafatwa baroba mu kiyaga cya Kivu muri icyo gihe bazabihanirwa.

Ubuyobozi bwa RAB buboneyeho gusaba inzego zose bireba ubufatanye mu gukurikiranira hafi iyi gahunda kugira ngo igere ku ntego zayo.

**Patrick KARANGWA (PhD)**
**Umuyobozi Mukuru**